AMABWIRIZA Nº 010/R/CR-CSI /RURA/020 YO KU WA 29/5/2020 AGENGA UMUTEKANO W'URUSOBE KORANABUHANGA

REGULATION Nº 010/R/CR-CSI/RURA/020 OF 29/05/2020 GOVERNING CYBERSECURITY

REGLEMENT Nº 010/R/CR-CSI/RURA/020 DU 29/05/2020 RELATIF A LA CYBERSECURITE

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA III: IGENZURA RY'UMUTEKANO HAGAMIJWE KURINDA UMUYOBORO N'URUSOBE KORANABUHANGA BY'ABAHAWE IMPUSHYA N'AMAKURU Y'ABAFATABUGUZI	**CHAPTER III: SECURITY CONTROLS TO PROTECT THE NETWORK AND SYSTEMS OF LICENSEES AND SUBSCRIBER'S INFORMATION**	**CHAPITRE III : CONTROLES DE SECURITE AFIN DE PROTEGER LE RESEAU ET LES SYSTEMES DES TITULAIRES DE LICENCES ET LES INFORMATIONS DES ABONNES**
Ingingo ya 7: Ingamba z'umutekano	**Article 7: Security Measures**	**Article 7: Mesures de sécurité**
Ingingo ya 8: Igenzura ry'umutekano rikwiye	**Article 8: Appropriate Security Controls**	**Article 8: Contrôles appropriés de sécurité**
Ingingo ya 9: Gushyira ibice mu miyoboro	**Article 9: Establishment of Layers in Network Facilities**	**Article 9: Etablissement des couches dans les installations des réseaux**
Ingingo ya 10: Akamaro k'ibice mu miyoboro	**Article 10: Importance of Layers in the Network facilities**	**Article 10: Importance des couches dans les installations de réseau**
Ingingo ya 11: Kurinda igice cy'imicungire	**Article 11: Protection of the Management Plane**	**Article 11: Protection de la couche de gestion**
Ingingo ya 12: Kurinda igice cy'igenzura	**Article 12: Protection of the Signalling or Control Plane**	**Article 12: Protection du plan de signalisation ou de commande**
Ingingo ya 13: Kurinda igice cy'amakuru	**Article 13: Protection of the data plane**	**Article 13: Protection de la couche des données**
Ingingo ya 14: Iby'ingenzi bisabwa mu igenzura ry'igice cy'amakuru	**Article 14: Required Minimum Controls for Data Plane**	**Article 14: Contrôles minimaux requis pour la couche des données**
Ingingo ya 15: Imicungire n'irindwa ry'imiyoboro n'urusobe koranabuhanga	**Article 15: Management and Protection of Networks and Systems**	**Article 15: Gestion et protection des réseaux et des systèmes**

Ingingo ya 16: Amakuru yerekeye nomero ya telefoni ihamagaye	**Article 16: Call ID Information**	**Article 16: Information d'identification de l'appel**
Ingingo ya 17: Kwegurira undi muntu urusobe n'ibikorwa koranabuhanga	**Article 17: Outsourcing Systems and Operations to a Third Party**	**Article 17: Externalisation des systèmes et des opérations à un tiers**
Ingingo ya 18: Ibisabwa mu kwegurira undi muntu urusobe n'ibikorwa koranabuhanga	**Article 18: Conditions of Outsourcing the System and Operations to a Third Party**	**Article 18: Conditions d'externalisation du système et des opérations à un tiers**
Ingingo ya 19: Inzira zikurikizwa mu gusaba uburenganzira	**Article 19: Authorization Procedures**	**Article 19: Procédures d'autorisation**
UMUTWE WA IV: ISUZUMA RY'UMUTEKANO N'UBUGENZUZI BW'IMIYOBORO N'URUSOBE KORANABUHANGA BY'UWAHAWE URUHUSHYA	**CHAPTER IV: SECURITY ASSESSEMENT AND AUDIT OF NETWORKS AND SYSTEMS OF LICENSEES**	**CHAPITRE IV: EVALUATION DE LA SECURITE ET AUDIT DES RESEAUX ET DES SYSTEMES DES TITULAIRES DE LICENCE**
Ingingo ya 20: Isuzuma ry'umutekano w'ibice byose	**Article 20: Security Assessment of All Planes**	**Article 20: Evaluation de la sécurité de toutes les couches**
Ingingo ya 21: Isuzuma ryo kureba ahashobora kwibasirwa	**Article 21: Vulnerability Assessment**	**Article 21: Evaluation de la vulnérabilité**
Ingingo ya 22: Ubugenzuzi bw'imbere	**Article 22: Internal Audit**	**Article 22: Audit interne**
Ingingo ya 23: Igenzura nzibacyuho	**Article 23: Compensatory Controls**	**Article 23: Contrôles compensatoires**
Ingingo ya 24: Koroshya ibibazo byatuma abafatabuguzi babura serivisi	**Article 24: Mitigation of risks leading to subscribers' loss of service**	**Article 24: Atténuation des risques entraînant la perte de service des abonnés**
Ingingo ya 25: Itangwa rya raporo y'isuzuma ry'umutekano n'iy'ubugenzuzi	**Article 25: Submission of the Security Assessment and Audit Report**	**Article 25: Présentation de rapport d'évaluation de sécurité et d'audit**

AMABWIRIZA Nº 001/R/CSSI/RURA/020 YO KU WA …/…/2020 AGENGA UMUTEKANO W'URUSOBE KORANABUHANGA	**REGULATION GOVERNING CYBERSECURITY Nº 001/R/CSSI/RURA/020 OF …/…/2020**	**REGLEMENT N^{O} 001/R/CSSI/RURA/020 DU …/…/2020 RELATIF A LA CYBERSECURITE**
Inama Ngenzuramikorere	**The Regulatory Board**	**Le Conseil de Régulation**
Ishingiye ku Itegeko n° 04/2013 ryo ku wa 08/02/2013 ryerekeye kubona amakuru mu Rwanda cyane cyane mu ngingo yaryo ya 4;	Pursuant to law n° 04/2013 of 08/02/2013 relating to access to information in Rwanda especially in Article 4;	Vu la Loi n° 04/2013 du 08/02/2013 relative à l'accès à l'information au Rwanda, spécialement en son article 4 ;
Ishingiye ku Itegeko n° 60/2013 ryo ku wa 22/08/2013 rigena igenzura ry'itumanaho cyane cyane mu ngingo yaryo ya 5;	Pursuant to law n° 60/2013 of 22/08/2013 regulating the Interception of Communications especially in Article 5;	Vu la Loi n° 60/2013 du 22/08/2013 réglementant l'interception des communications spécialement en son article 5;
Ishingiye ku Itegeko n° 09/2013 ryo ku wa 01/03/2013 rishyiraho Urwego rw'Igihugu rushinzwe kugenzura imikorere y'inzego zimwe z'imirimo ifitiye Igihugu akamaro (RURA) rikanagena inshingano, ububasha, imiterere, n'imikorere byarwo, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 2;	Pursuant to law n° 09/2013 of 01/03/2013 establishing Rwanda Utilities Regulatory Authority (RURA) and determining its mission, powers, organization and functioning**,** especially in Article 2;	Vu la Loi n° 09/2013 du 01/03/2013 portant création de l'Autorité Rwandaise de Régulation de certains services d'utilité publique (RURA) et déterminant sa mission, ses pouvoirs, son organisation et son fonctionnement, spécialement en son article 2 ;
Ishingiye ku Itegeko n° 24/2016 ryo ku wa 18/06/2016 rigenga ikoranabuhanga mu itangazabumenyi n'itumanaho, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 123, iya 124, iya 125, iya 126 n'iya 127;	Pursuant to law n° 24/2016 of 18/06/2016 governing information and communication technologies especially in Articles 123, 124, 125, 126 and 127;	Vu la Loi n° 24/2016 du 18/06/2016 régissant les technologies de l'information et de la communication, spécialement en ses articles 123, 124, 125, 126 et 127 ;

Ishingiye ku Itegeko nº 60/2018 ryo ku wa 22/8/2018 ryerekeye gukumira no guhana ibyaha bikoreshejwe ikoranabuhanga;

Pursuant to Law Nº 60/2018 of 22/8/2018 on prevention and punishment of cybercrimes;

Vu la Loi nº 60/2018 du 22/8/2018 portant prévention et répression de la cybercriminalité ;

Ishingiye ku Iteka rya Minisitiri w'Intebe n° 90/03 ryo ku wa 11/09/2014 rigena uburyo itegeko ryerekeye igenzura ry'itumanaho rishyirwa mu bikorwa, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 8 n'iya 9;

Pursuant to the Prime Minister's Order n° 90/03 of 11/09/2014 determining modalities for the enforcement of the law regulating interception of communication especially in Articles 8 and 9;

Vu l'Arrêté du Premier Ministre n° 90/03 du 11/09/2014 portant modalités d'exécution de la loi règlementant l'interception des communications, spécialement en ses articles 8 et 9 ;

Ishingiye ku myanzuro y'inama nyunguranabitekerezo n'abafatanyabikorwa yabaye ku wa 2 Ukwakira 2019;

Considering deliberations from the consultative meeting held on October 2nd, 2019 with stakeholders;

Suite aux délibérations de la réunion consultative tenue le 2 octobre 2019 avec les parties prenantes ;

Imaze kuyasuzuma no guyafataho umwanzuro mu nama yayo yo ku wa 29 Gicurasi 2020 ;

Upon due consideration and deliberation in its meeting of May 29th, 2020;

Après examen et délibération en sa séance du 29 Mai, 2020 ;

ISHYIZEHO amabwiriza akurikira:

HEREBY issues the following Regulation;

EDICTE le règlement suivant :

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza agamije

Aya mabwiriza agamije kubungabunga umutekano w'imiyoboro, uw'abafatabuguzi n'uw'ibikorwaremezo by'ikoranabuhanga byihariye mu rwego rwo kurinda ubuzima bwite, umwimerere no gufata neza imiyoboro n'urusobe rw'ikoranabuhanga mu Rwanda.

Article One: Purpose of this Regulation

The purpose of this Regulation is to secure networks, their subscribers and the critical communication infrastructure to ensure the confidentiality, integrity and availability of networks and systems in Rwanda.

Article premier : Objet du présent règlement

Le présent règlement a pour objet de garantir la sécurité des réseaux, leurs abonnés et de l'infrastructure de communication importante en vue d'assurer la confidentialité, l'intégrité et la disponibilité des réseaux et des systèmes informatiques au Rwanda.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Muri aya mabwiriza, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

1. **Abatanga serivisi zifatiye ku itumanaho**: uwahawe uruhushya rwo guha abafatabuguzi ubwoko bwose bwa serivisi zifatiye ku itumanaho akoresheje ibikorwa remezo by'abandi bantu bafite impushya zo gutanga serivisi z'imiyoboro;

2. **Umwirondoro w'uhamagaye**: serivisi iba muri telefoni za kera n'izikoresha imibare, yohereza telefoni y'uhamagawe nimero y'umuhamagaye n'izina ryanditse kuri iyo nimero ihamagaye mu gihe telefoni iri gusohora ijwi, cyangwa mu gihe ihamagara ririmo rikorwa ariko ritaritabwa;

3. **Ubugenzuzi ry'ubahirizwa ry'ibisabwa**: isuzuma ryimbitse rigamije kureba ko umuryango uyu n'uyu wubahiriza ibikubiye muri aya mabwiriza;

4. **Ikibazo gikomeye**: ikibazo gituma abakiriya babura serivisi z'ibanze kandi kikagira ingaruka no ku bindi bifatiye kuri izo serivisi ku buryo bwose,

Article 2: Definitions of terms

For the purpose of this Regulation, terms below shall have the following meanings:

1. **Application Service Provider**: any licensed operator offering all forms of ICT applications to end users by using the infrastructure of other licensed Network Service Providers;

2. **Caller Identification:** a telephone service, available in analogue and digital phone systems, that transmits a caller's number and the name associated with the calling telephone number where possible to the called party's telephone equipment during the ringing signal, or when the call is being set up but before the call is answered;

3. **Compliance Audit**: a comprehensive review of an organization's adherence to this regulation

4. **Critical Incident:** An incident that results in critical loss of core service and entirely affects value-added services;

Article 2 : Définitions des termes

Aux fins du présent règlement, les termes suivants ont les significations suivantes :

1. **Fournisseur des services d'application** : tout opérateur agréé offrant toutes les formes d'applications de ICT aux utilisateurs finaux en utilisant l'infrastructure des autres fournisseurs de services réseau agréés ;

2. **Identification de l'appelant** : service téléphonique, disponible dans les systèmes téléphoniques analogues et numériques, qui transmet si possible le numéro de l'appelant et le nom associé au numéro de téléphone appelant à l'équipement téléphonique de l'appelé pendant la sonnerie ou lors de l'établissement de l'appel mais avant de répondre à l'appel ;

3. **Audit de conformité** : examen complet de l'adhésion d'une organisation à ce règlement ;

4. **Incident critique** : incident qui entraîne une perte critique de service de base et qui affecte entièrement la valeur ajoutée des services ;

5. **Amakuru yihariye y'umufatabuguzi**: amakuru ayo ari yo yose aturutse mu guhamagara, kohereza ubutumwa bugufi n'ibikorwa byakozwe nk'ububiko bw'amajwi, serivisi z'imari zikorewe kuri telefoni ngendanwa cyangwa ibijyanye n'inyemezabuguzi n'ubutumwa bugufi;

6. **Amakuru**: amakuru uko yaba ateye kose aboneka hakoreshejwe ikoranabuhanga;

7. **Ikimenyetso koranabuhanga**: ibikorwa n'amakuru koranabuhanga by'umuntu ku giti cye bishobora kugaragazwa kuri murandasi cyangwa ku kindi gikoresho koranabuhanga;

8. **Ubugenzuzi bwigenga ku mutekano**: isuzuma ryimbitse rikorwa n'urwego rwo hanze rubyemerewe, kugira ngo hasuzumwe uko umutekano w'amakuru uhagaze mu bikorwa by'uwahawe uruhushya no kugira ngo hateganywe ingamba zo gukaza umutekano;

9. **Umutekano w'amakuru**: igikorwa kibuza ko amakuru agerwaho, akoreshwa, atangazwa, arogowa, ahindurwa, asomwa, agenzurwa, abikwa cyangwa yangizwa mu buryo butemewe;

5. **Subscriber Personal Information:** any information generated through regular calls, SMS and transactions history such as Call data record, mobile financial services or Billing record and SMS details;

6. **Data:** Electronic representations of information in any form;

7. **Digital Footprint:** refers to one's unique set of traceable digital activities, actions, contributions and communications that are manifested on the Internet or on digital devices;

8. **Independent security Audit**: a comprehensive assessment conducted by external party, which is allowed, in order to assess the current condition of Information Security in the business of the licensee and to plan timely actions in order to increase the level of security.

9. **Information Security:** The practice of protecting information from unauthorized access, use, disclosure, disruption, modification, perusal, inspection, recording or destruction;

5. **Informations personnelles de l'abonné** : toute information générée par les appels réguliers, les SMS et l'historique des transactions, telles que l'enregistrement des données d'appel, les services financiers mobiles ou le relevé de facturation et les détails de SMS ;

6. **Données** : representations électroniques d'information sous quelle forme que ce soit;

7. **Empreinte numérique** : gamme unique d'activités, d'actions, de contributions et de communications numériques traçables qui se manifestent sur internet ou sur des appareils numériques ;

8. **Audit de sécurité indépendant** : évaluation complète réalisée par une partie externe qui est autorisée, afin d'évaluer l'état actuel de la sécurité de l'information dans l'entreprise du titulaire de licence et de planifier des actions en temps opportun afin d'augmenter le niveau de sécurité ;

9. **Sécurité de l'information** : pratique consistant à protéger les informations contre tout accès, utilisation, divulgation, perturbation, modification, lecture, inspection, enregistrement ou destruction non autorisés ;

10. **Ibikorwa remezo na serivisi**: amakuru, uburyo, ibikoresho, imiyoboro na porogaramu koranabuhanga;
11. **ISO/IEC**: komite ishinzwe ibya tekiniki ihuriweho n'Ikigo Mpuzamahanga cy'Ubuziranenge (ISO) na Komisiyo Mpuzamahanga Ishinzwe iby'Ikoranabuhanga (IEC). Intego yayo ni ugushyiraho, kwita no guteza imbere ubuziranenge mu bijyanye n'ikoranabuhanga mu itangazabumenyi n'itumanaho ;
12. **IT**: ikoranabuhanga mu itangazabumenyi;
13. **KPI**: igipimo nsuzumabikorwa ni igipimo gikoreswa mu gusuzuma ibintu by'ingenzi byatumye umuryango uyu n'uyu cyangwa serivisi yatanzwe byarageze ku musaruro;
14. **Uwahawe uruhushya rwo gutanga serivisi za murandasi**: isosiyete ifite uruhushya rwo kudandaza serivisi za murandasi ikazigeza kuri rubanda, cyangwa ibikorwa by'ubucuruzi n'indi miryango;
15. **Uwahawe uruhushya rwo gutanga serivisi z'itumanaho**: umuntu utanga serivisi z'itumanaho ufite uruhushya rwatanzwe n'Urwego Ngenzuramikorere;
16. **Uwahawe uruhushya**: umuntu ufite uruhushya rwatanzwe n'Urwego Ngenzuramikorere hakurikijwe aya mabwiriza;

10. **Infrastructure and services**: Include data, system, equipment, networks and applications;
11. **ISO/IEC**: is a joint technical committee of the International Organization for Standardization (ISO) and the International Electro-technical Commission (IEC). Its purpose is to develop, maintain and promote standards in the fields of information technology (IT) and Information and Communications Technology (ICT);
12. **IT:** Information Technology;
13. **KPI:** A key performance indicator (KPI) is a business metric used to evaluate factors that are crucial to the success of an organization or service provided;
14. **Licensed Internet Service Provider:** A licensed company that provides retail access to the Internet for members of the public, or for businesses and other organizations;
15. **Licensed Telecom Operator:** A Telecommunication Service provider holding a valid License issued by the Regulatory Authority;
16. **Licensee:** a person who holds a license issued by the Regulatory Authority under this regulation;

10. **Infrastructures et services**: données, systèmes, équipements, réseaux et applications ;
11. **ISO/CEI**: comité technique conjoint de l'Organisation internationale de normalisation (ISO) et de la Commission électrotechnique internationale (CEI). Son objectif est d'élaborer, de maintenir et de promouvoir les normes dans les domaines des technologies de l'information (TI) et des technologies de l'information et de la communication (TIC)
12. **TI** : technologie de l'information ;
13. **KPI**: un indicateur clé de performance (KPI) est une mesure commerciale utilisée pour évaluer les facteurs cruciaux pour le succès d'une organisation ou d'un service fourni;
14. **Fournisseur des services internet agréé**: société agréée qui fournit au détail un accès à l'internet aux membres du public ou aux entreprises et aux autres organisations ;
15. **Opérateur agrée des télécommunications** : fournisseur de services de télécommunications titulaire d'une licence valide délivrée par l'Autorité de Régulation ;
16. **Titulaire de licence** : personne titulaire d'une licence délivrée par l'Autorité de Régulation en vertu du présent règlement ;

17. **Ikibazo kinini**: ikintu gitera ibura rikomeye rya seirivisi zigerwaho hifashishijwe serivise zitangwa n'uwahawe uruhushya ;

18. **Ikibazo cyoroheje**: ikintu kigira ingaruka zoroheje ku bakiriya, kandi kikababuza kugera kuri serivisi zitangwa n'uwahawe uruhushya,

19. **Ikibazo kiringaniye**: ikintu gifite ingaruka ku gice cya serivisi z'ibanze zihabwa umufatabuguzi,
20. **Ibikoresho by'umuyoboro**: ibikoresho byose byitabazwa by'umwihariko mu miyoboro rusange y'itumanaho koranabuhanga;
21. **Abatanga serivisi z'ibikorwa remezo by'itumanaho**: abahawe uruhushya bafite, bakoresha cyangwa batanga ubwoko ubwo ari bwo bwose bw'ibikorwa remezo byifashishwa mu gutwara cyangwa gutanga serivisi n'ibikubiye muri serivisi;

22. **Abatanga serivisi z'imiyoboro**: abahawe impushya zo gutanga serivisi ku bakoresha imiyoboro y'itumanaho koranabuhanga. Barimo n'abatanga serivisi za murandasi badatunze ibikorwa remezo;

23. **Uburyo bw'imicungire y'umuyoboro (NMS)**: uruhererekane rw'ibikoresho na porogaramu bya mudasobwa bifasha

17. **Major Incident:** An event that causes significant loss of value-added service;

18. **Minor Incident:** event that has impact on some customers, and limits their access to value-added services;

19. **Moderate Incident:** An event that has a partial impact on core services of the subscriber;
20. **Network Facilities:** Any elements used in connection with the provision of public electronic communication networks;
21. **Network Infrastructure Service Providers**: Licensees who own, operate or provide any form of active or passive physical infrastructure used for carrying or providing services, applications and content;

22. **Network Service Providers:** Licensees who provide services to those using electronic communications networks**.** These include Internet Service Providers who do not own infrastructure;

23. **Network Management System (NMS):** A set of hardware and/or software tools that allow an IT professional to supervise

17. **Incident majeur** : événement qui entraîne une perte significative des services à valeur-ajoutée ;

18. **Incident mineur** : événement qui a un impact sur les clients, et qui limite leur accès aux services à valeur ajoutée ;

19. **Incident modéré** : événement qui a un impact partiel sur les services de base de l'abonné ;
20. **Installations du réseau** : tous les éléments utilisés principalement en relation avec la fourniture de réseaux de communication électronique publics ;
21. **Fournisseurs des services d'infrastructures de réseau** : titulaires des licences qui possèdent, opèrent ou fournissent toute forme d'infrastructure physique active ou passive utilisée pour transporter ou fournir des services, des applications et du contenu ;

22. **Fournisseurs des services réseau** : titulaires de licence fournisseurs de services aux utilisateurs des réseaux de communications électroniques. Il s'agit des fournisseurs des services internet qui ne possèdent pas d'infrastructures ;

23. **Système de gestion du réseau (NMS)** : ensemble d'outils matériels et/ou logiciels permettant à un professionnel de

inzobere mu ikoranabuhanga kugenzura ibice by'umuyoboro runaka mu micungire y'umuyoboro mugari;

24. **Amakuru bwite y'umuntu:** amakuru ayo ari yo yose yerekeye nyir'ubwite uzwi cyangwa ushobora kumenyekana hifashishijwe nomero iyo ari yo yose y'ibimuranga cyangwa ibimuranga ku mubiri, ku miterere y'ubuzima bwe, imyitwarire, ubukungu, mu mico no mu mibanire ye n'abandi;
25. **Ibikorwa remezo by'urufunguzo rusange (PKI)**: urusobe rw'ibintu bikoreshwa n'utanga serivisi y'icyemezo mu micungire y'icyemezo, imicungire y'ububiko, imicungire y'urufunguzo hakoreshejwe uburyo budasubirwamo bw'imfunguzo ebyiri;
26. **Urwego Ngenzuramikorere**: Urwego rw'Igihugu rushinzwe kugenzura imikorere y'inzego zimwe z'imirimo ifitiye Igihugu akamaro;
27. **Ikibazo cy'umutekano**: igikorwa cyose, cyaba cyagenze neza cyangwa kitagenze neza, kigamije kugera mu buryo butemewe, kurogoya cyangwa gukoresha nabi urusobe koranabuhanga cyangwa amakuru arubitsemo;

the individual components of a network within a larger network management framework;

24. **Personal data:** Any information relating to an identified or identifiable individual by reference to any number of his/her identifications or to his or her physical, physiological, mental, economic, cultural or social identity;
25. **Public Key Infrastructure (PKI):** A system of Certification Service Provider that perform some set of certificate management, archive management, key management, and token management functions for a community of users in an application of asymmetric cryptography;
26. **Regulatory Authority:** Rwanda Utilities Regulatory Authority;
27. **Security incident:** any act or attempt, successful or unsuccessful, to gain unauthorized access to, disrupt or misuse an Information System or information stored on such Information System.

l'informatique de superviser les différents éléments d'un réseau dans un cadre de gestion d'un réseau plus large ;

24. **Données à caractère personnel** : information relative à une personne physique identifiée ou qui peut être identifiée par référence à tout numéro de son identification ou à son identité physique, physiologique, psychique, économique, culturelle ou sociale ;
25. **Infrastructure à clé publique (PKI)**: système de fournisseur des services de certification qui effectue un ensemble de fonctions de gestion de certificats, de gestion d'archives, de gestion de clés et de gestion du code d'accès pour une communauté d'utilisateurs dans une application de cryptographie asymétrique ;
26. **Autorité de Régulation** : Autorité Rwandaise de Régulation de certains services d'utilité publique ;
27. **Incident de sécurité** : tout acte ou tentative, réussi ou échoué, d'obtenir un accès non autorisé, de perturber ou d'abuser le système d'information ou des informations stockées sur ce système d'information.

28. **Amasezerano ashingiye ku mitangire ya serivisi (SLA)**: igice cy'amasezerano ya serivisi, aho serivisi isobanurwa birambuye. Iby'ingenzi mu bigize serivisi – aho serivisi igarukira, ubwiza bwayo, inshingano – byumvikanwaho hagati y'utanga serivisi n'uyikoresha;
29. **Ubutumwa bugufi (SMS)**: serivisi y'ubutumwa bugufi kuri telefoni, murandasi cyangwa uburyo bw'itumanaho rigendanwa, ikoresha amasezerano y'itumanaho yemewe kugira ngo telefoni zitagendanwa cyangwa izigendanwa zibashe guhererekanya ubutumwa bugufi;
30. **Umuyoboro ngenzuzi**: igice cy'umuyoboro w'itumanaho koranabuhanga gikoreshwa mu gutumanaho hagati y'urusobe koranabuhanga, abafatabuguzi n'abatanga serivisi;
31. **Umufatabuguzi**: umuntu wese ufitanye amasezerano n'utanga serivisi z'itumanaho rusange rikoresha ikoranabuhanga kugira ngo ahabwe izo serivisi.
32. **Ibipimo ngenderwaho**: ibipimo ngenderwaho bivuga amabwiriza mpuzamahanga nka ISMS ISO/IEC 27001: 2013 cyangwa ISO/IEC 27011 ashobora kuvugururwa;

28. **Service-Level Agreement (SLA):** A part of a service contract, where a service is formally defined. Particular aspects of the service – scope, quality, responsibilities - are agreed between the service provider and the service user;
29. **Short Message Service (SMS):** A text messaging service component of phone, Web, or mobile communication systems, which uses standardized communications protocols to allow fixed line or mobile phone devices to exchange short text messages;
30. **Signalling/Control plane:** a layer where specific communication protocols are used to establish calls and sessions between systems, subscribers and service providers;
31. **Subscriber:** Any person who is a party to a contract with a provider of public electronic communications services for the supply of such services.
32. **Standards:** standards refer to required international standards such as ISMS ISO/IEC 27001: 2013 or ISO/IEC 27011 as it may be amended from time to time;

28. **Accord de niveau de service (SLA)**: partie d'un contrat de service dans laquelle un service est officiellement défini. Des aspects particuliers du service – étendue, qualité, responsabilités – sont convenus entre le fournisseur des services et l'utilisateur des services ;
29. **Service de messagerie (SMS)** : composant des services de messagerie texte des systèmes de communication téléphonique, Web ou mobile, qui utilise des protocoles de communication normalisés pour permettre aux appareils de téléphones fixe ou mobile d'échanger des courts messages sous forme de texte ;
30. **Plan de signalisation/commande** : couche où des protocoles de communication spécifiques sont utilisés pour établir des appels et des sessions entre les systèmes, les abonnés et les fournisseurs des services ;
31. **Abonné** : personne liée par un contrat à un fournisseur des services publics de communications électroniques pour la fourniture de ces services.
32. **Normes** : les normes se réfèrent aux normes internationales requises telles que ISMS ISO/CEI 27001 : 2013 ou ISO/CEI 27011 pouvant être modifiées de temps en temps ;

33. **Urusobe koranabuhanga**: uruhererekane rw'ibigize itumanaho koranabuhanga birimo ibikoresho, porogaramu n'imiyoboro koranabuhanga bitunzwe, bigenzurwa, bikoreshwa, bikodeshwa cyangwa byisungwa n'utanga serivisi;

34. **Utanga serivisi z'itumanaho**: urwego rutanga serivisi z'itumanaho rusange rikoresha ikoranabuhanga;

35. **Undi muntu**: umuntu ku giti cye cyangwa isosiyete itanga ibicuruzwa cyangwa serivisi akabiha uwahawe uruhushya rwo gutanga servisi cyangwa akabitanga mu izina ry'uwahawe uruhushya;

36. **Amakuru anyuzwa ku muyoboro**: amakuru ayo ari yo yose akoreshwa mu kohereza ubutumwa ku muyoboro w'itumanaho koranabuhanga cyangwa yifashishwa mu gukora inyemezabuguzi y'ubwo butumwa. Ku muyoboro w'itumanaho rigendanwa, amakuru aba ari bice by'umuyoboro;

37. **Umuntu utabifitiye uburenganzira**: ni umuntu wese utemerewe kugera ku makuru y'umufatabuguzi hakurikijwe amategeko n'amabwiriza akurikizwa;

33. **System:** A set up of ICT components comprising of hardware, software and networking elements that are owned, controlled, operated, leased or otherwise relied on by the service provider;

34. **Telecommunication Service Provider:** An entity providing public electronic communications services;

35. **Third Party:** An individual or company supplying products or services to the service provider (licensee) or on the behalf of the licensee;

36. **Traffic Data:** any data processed for the purpose of the conveyance of a communication on an electronic communications network or for the billing in respect of that communication. In mobile networks, data is encapsulated in network packets;

37. **Unauthorized person:** is any person who is not authorized to access subscriber's information as required by the laws and regulations into force;

33. **Système** : ensemble des composants TIC comprenant du matériel, des logiciels et des éléments de réseau détenus, contrôlés, opérés, loués ou autrement utilisés par le fournisseur des services ;

34. **Fournisseur des services des télécommunications** : entité fournissant des services publics de communications électroniques ;

35. **Tiers** : personne physique ou morale fournissant des produits ou des services au fournisseur des services (titulaire de licence) ou au nom du titulaire de licence ;

36. **Données relatives au trafic** : toutes données traitées aux fins de l'acheminement d'une communication sur un réseau de communications électroniques ou de facturation en rapport avec cette communication. Dans les réseaux mobiles, les données sont encapsulées dans des paquets des réseaux ;

37. **Personne non autorisée** : toute personne qui n'est pas autorisée à accéder aux informations de l'abonné conformément aux lois et règlements en vigueur ;

38. **Ibibazo byihutirwa**: ibibazo bifatwa ko byihutirwa iyo byujuje kimwe muri ibi bikurikira:

(a) Ibibazo byose bigira ingaruka kugera kuri 25% by'umubare w'abafatabuguzi kuri serivise yagize ikibazo.
(b) Ibibazo byose bishobora gutuma serivise z'ibanze zibura kandi bikanagira ingaruka kuri zigerwaho hifashishijwe serivise zitangwa n'uwahawe uruhushya ;
(c) Ibibazo bituma itangazamakuru ry'imbere mu gihugu ribivugaho.
(d) Ibibazo bigira ingaruka ku kuri serivisi za Guverinema cyangwa serivise rusange.

39. **Ukoresha itumanaho**: umuntu wese ukoresha cyangwa usaba serivisi z'itumanaho rusange rikoresha ikoranabuhanga.

<u>Ingingo ya 3</u>: Ibirebwa n'aya mabwiriza

Aya mabwiriza areba ibikorwa remezo byose na serivisi zose z'ikoranabuhanga bihabwa rubanda bitanzwe n'uwahawe uruhushya rwo kubitanga.

38. **Urgent incidents:** Incidents shall be considered as "urgent" if they meet any of the following criteria:

(a) All incidents affecting services to 25% of the licenses' total number of subscribers on the affected service.
(b) All incident that results in loss of core services and affects the entire Value-Added Services;

(c)Incidents attracting national mainstream media coverage.
(d)Incidents affecting Government or Public Sector services.

39. **User:** any person using or requesting publicly available electronic communications services.

<u>Article 3:</u> Scope of this Regulation

This Regulation shall apply to all ICT infrastructure and services provided to the public by licensee.

38. **Incidents urgents** : les incidents sont considérés comme « urgents » s'ils répondent à l'un des critères suivants :

(a) Tous les incidents affectant les services jusqu'au 25% du nombre total d'abonnés sur le service affecté.

(b) Tout incident entraînant la perte de services essentiels et affectant l'ensemble des services à valeur ajoutée ;

(c) Incidents suscitant l'attention des médias nationaux.
(d) Incidents affectant des services du gouvernement ou du secteur public.

39. **Utilisateur** : toute personne utilisant ou sollicitant des services de communications électroniques accessibles au public.

<u>Article 3:</u> Champ d'application du présent règlement

Le présent règlement s'applique à toutes les infrastructures et services TIC fournis au public par le titulaire de licence.

Ingingo ya 4: Intego z'aya mabwiriza

Intego z'aya mabwiriza ni izi zikurikira:

(a) Kureba ko abahawe impushya bose hamwe n'abafatabuguzi babo bagenzurwa kandi bafite umutekano;
(b) gukora ku buryo abahawe impushya batanga serivisi zitekanye;
(c) gukurikirana no gucunga umutekano w'urusobe koranabuhanga;
(d) gukora ku buryo abahawe impushya barinda urusobe koranabuhanga n'inyungu z'abafatabuguzi;

(e) gukora ku buryo serivisi z'abahawe impushya zirindwa guhagarikwa, kwangizwa cyangwa kubuzwa gukora.

Article 4: Objectives of this Regulation

The objective of this Regulation is:

(a) to ensure that all licensees and their subscribers are under a controlled and secure environment;
(b) to ensure that the licensees deliver secured services;
(c) to deal with the monitoring and control of the security state of systems;
(d) to ensure that licensees protect their systems and subscribers' interests;

(e) to ensure that licensees' services are prevented from being interrupted, corrupted or denied.

Article 4: Objectifs du présent règlement

Le présent règlement a pour objectif de:

(a) assurer que tous les titulaires de licence et leurs abonnés se trouvent dans un environnement contrôlé et sécurisé;
(b) assurer que les titulaires de licence fournissent des services sécurisés;
(c) assurer la surveillance et le contrôle de l'état de sécurité des systèmes;
(d) veiller à ce que les titulaires de licence protègent leurs systèmes et les intérêts de leurs abonnés;

(e) veiller à ce que les services des titulaires de licence ne soient pas interrompus, corrompus ou refusés.

UMUTWE WA II: INSHINGANO Z'ABAHAWE IMPUSHYA N'IZ'ABAFATABUGUZI

Ingingo ya 5: Inshingano z'abahawe impushya

Uwahawe uruhushya afite inshingano zikurikira:

(a) gucunga umutekano w'amakuru yatawe, yabitswe, yatunganyijwe n'ayoherejwe mu miyoboro no mu rusobe koranabuhanga;

CHAPTER II: RESPONSIBILITIES OF LICENSEES AND SUBSCRIBERS

Article 5: Responsibilities of Licensees

The licensee shall have the following responsibilities:

(a) ensuring security of the information captured, stored, processed and transmitted in or through their networks and systems;

CHAPITRE II: ATTRIBUTIONS DES TITULAIRES DE LICENCE ET DES ABONNES

Article 5: Attributions des titulaires de licences

Le titulaire de licence a les attributions suivantes :

(a) assurer la sécurité des informations obtenues, stockées, traitées et transmises dans ou à travers ses réseaux et systèmes;

(b) gushyira mu bikorwa, gukora, gukomeza no gukurikirana igenzura rivugwa muri aya mabwiriza no mu mabwiriza mpuzamahanga nka ISO/IEC 27001: 2013 cyangwa ISO/IEC 27011 ashobora kuvugururwa;

(c) gushyiraho, kugaragaza no gukurikiza uburyo busobanutse kandi bwizewe;

(d) kurengera inyungu z'abafatabuguzi no gutuma bamugirira icyizere, abagezaho serivisi zizewe;

(e) gushyira mu bikorwa no guhozaho ingamba zihamye za tekiniki n'iz'ubuyobozi hagamijwe kurinda urusobe koranabuhanga na serivisi zihabwa abafatabuguzi;

(f) gukora ku buryo abafatabuguzi barindirwa umutekano mu buryo buwiye mu gihe bakoresha serivisi bahawe;

(g) kugeza ku Rwego Ngenzuramikorere ibibazo by'umutekano;

(h) kubahiriza ibiteganywa n'amategeko n'amabwiriza bivugwa muri aya mabwiriza no mu yandi mategeko mu Rwanda;

(i) gutanga inama zijyanye n'umutekano w'ikoranabuhanga ahagaragaye ibibazo mu gihe afite abafatabuguzi.

(b) implementing, operating, maintaining and monitoring the controls mentioned in this regulation and required international standards such as ISO/IEC 27001: 2013 or ISO/IEC 27011 as it may be amended from time to time;

(c) developing, documenting and following well defined secured processes;

(d) protecting subscribers' interests and gaining their confidence by providing secured systems and services;

(e) implementing and maintaining appropriate technical and organizational measures to secure systems and services provided to customers;

(f) ensure that users are adequately protected while using provided services.

(g) Reporting of security incidents to the Regulatory Authority;

(h) complying with all legal and regulatory requirements provided under this regulation and other laws in Rwanda.

(i) Issue cyber security related advisories where risks have been identified in the specific licensee has subscribers.

